

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA



Ni he wavana ihumure?

INTEGO Y'IYI GAZETI y'*Umunara w'Umuninzi*, ni iyo gusingiza Yehova Imana, we Mutegetsi w'Ikirenga w'ijuru n'isi. Ihumuriza abantu ibagezaho ubutumwa bwiza buvuga ko vuba aha Ubwami bw'Imana, ari bwo butegetsi nyakuri bwo mu ijuru, buzavanaho ibibi byose kandi bugahindura isi paradizo. Itera abantu inkunga yo kwizera Yesu Kristo wadupfiriye kugira ngo tuzabone ubuzima bw'iteka. Muri iki gihe Yesu Kristo arategeka, akaba ari Umwami w'Ubwami bw'Imana. Iyi gazeti yatangiye kwandikwa mu mwaka wa 1879, kandi ntiyivanga muri politiki. Ishingiyeho kuri Bibiliya kandi igendera ku buyobozi bwayo.

Iyi gazeti ntingomba kugurishwa. Kuyandika buri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake.

Niba wifuza gutanga impano, jya kuri www.jw.org/rw.

Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya*.

Ese wifuza guhabwa ibindi bisobanuro cyangwa kwiga Bibiliya ku buntu?

Jya kuri www.jw.org/rw cyangwa utwandikire ukoresheje aderesi ikurikira:

The Watchtower (ISSN 0043-1087) Issue 13 September 2016 is published monthly with an additional issue published in January, March, May, July, September, and November by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 1000 Red Mills Road, Wallkill, NY 12589-3299, and printed by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739. © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Printed in South Africa.



UBITEKEREZAHO IKI?

Muri iki gihe ubuzima buragoye. Ese hari aho twavana ihumure?

Bibiliya igira iti “**Data w'imbabazi nyinshi, akaba n'Imana nyir'ihumure ryose, . . . aduhumuriza mu makuba yacu yose.**”—2 Abakorinto 1:3, 4.

Iyi ngingo y'*Umunara w'Umuninzi* iratwerekako Imana ishobora kuduhumuriza.

Ni he wavana ihumure?

Twese dukenera guhumurizwa 3

Imana iduhumuriza ite? 4

Ihumure mu bihe by'akaga 6

IBINDI

Twigane ukwizera kwabo
'Intambara ni iya Yehova' 9


Ese ibivugwa kuri Dawidi na Goliyati
byabayeho koko? 13

Bibiliya ihindura imibereho y'abantu
Nari umurakare kandi ngira urugomo 14

Bibiliya ibivugaho iki? 16



REBA IBINDI KURI INTERINETI



IBINDI BIBAZO BISHINGIYE
KURI BIBILIYA

Ese ninsenga Imana
izansubiza?

(Reba ahahitse ngo INYIGISHO
ZA BIBILIYA > IBIBAZO BISHINGIYE
KURI BIBILIYA)

TWESE DUKENERA GUHUMURIZWA

Ese uribuka igihe wituraga hasi ukiri umwana? Wenda wavunitse akaboko cyangwa warasenutse, maze amavi yuzura ibisebe. Ese uribuka ukuntu mama wawe yaguhumuriye? Wenda yomoye ibyo bikomere maze aragupfuka. Ushobora kuba wararize, ariko ukuntu yaguhobeye akakubwira amagambo ahumuriza, byatumye wumva worohewe. icyo gihe wari ufite uguhumuriza kandi uguhora hafi.



Ariko uko tugenda dukura, ibintu birushaho kuba bibi. Tugenda duhura n'ibibazo by'ingutu, maze kuduhumuriza bikagenda birushaho kugorana. Ibibazo by'umuntu mukuru biba bikomeye, ku buryo bitakemurwa n'ibintu byoroheje nko gushyira igipfuko ku gisebe cyangwa kumuhobera. Reka dusuzume ingero nke.

- Ese wigeze uteshwa umutwe no kwirukanwa ku kazi? Julian yavuze ko igihe bamusezereraga ku kazi, yumvise bimurangiranye. Yaribajije ati “umuryango wanjye ubaye uwa nde? Imyaka yose maze nkora ubutaruhuka, none ni ibi banyituye koko?”

- Ushobora kuba ufite agahinda kenshi bitewe n'uko watanye n'uwo mwashakanye. Raquel yaravuze ati “igihe umugabo wanjye yantaga, ubu hakaba hashize umwaka n'igice, nashenguwe n'intimba. Numvise ari nk'inkota impinguranyije umutima. Narahangayitse cyane, ku buryo numvaga meze nk'umuntu ufite ibikomere ku mubiri no ku mutima.”

- Wenda uhanganye n'indwara ikomeye, kandi urumva nta n'icyizere ufite cy'uko uzoroherwa. Hari igihe wumva umeze nka Yobu, wigeze kuvuga ati “nazinutswe ubuzima; sinshaka gukomeza kubaho (Yobu 7:16). Nanone ushobora kuba wumva umeze nka Luis uri mu kigero cy'imyaka 80, wavuze ati “hari igihe numva nakwipfira nkavaho.”

- Nanone ushobora kuba warapfushije uwawe, ibyo bigatuma wumva ko ukeneye guhumurizwa. Robert yaravuze ati “igihe umuhungu wanjye yafaga aguye mu mpanuka y'indege, kubyakira byarananiye. Nyuma yaho numvise ngize agahinda, kamwe Bibiliya igereranya n'inkota ndende ihinguranya umutima.”—Luka 2:35.

Robert, Luis, Raquel, na Julian babonye ihumure, no muri ibyo bihe byari bigoye. Imana Ishoborabyose ni yo yabahumuriye. Iryo humure iritanga ite? Ese nawe yaguhumuriza?

IMANA IDUHUMURIZA ITE?

Intumwa Pawulo yavuze ko Yehova* ari “Imana nyir’ihumure ryose, iduhumuriza mu makuba yacu yose” (2 Abakorinto 1:3, 4). Ni yo mpamvu Bibiliya itwizeza ko nta wagira ikibazo kirenze ubushobozi bwa Data wo mu ijuru, ku buryo yananirwa kumuhumuriza.

Birumvikana ko niba twifuza ihumure riva ku Mana twagombye kugira icyo dukora. None se umuganga yakuvura utamubwiye ko ushaka kwivuzwa? Umuhanuzi Amosi yaravuze ati “ese abantu babiri bajyana batasezeranye ngo bagire aho baturira” (Amosi 3:3)? Ni yo mpamvu Bibiliya igira iti “mwegere Imana na yo izabegera.”—Yakobo 4:8.

None se twakwemezwa n’iki ko Imana izatwegere? Impamvu ya mbere, ni uko itubwira ko yifuza kudufasha (Reba ingingo iri kumwe n’iyi.) Indi mpamvu ni uko dufite ibimenyetso bifatika bigaragaza ko hari abantu Imana yahumuriye, baba aba kera n’abo muri iki gihe.

Muri iki gihe, hari abantu benshi bagira ibyago

* Bibiliya ivuga ko izina ry’Imana ari Yehova.

bagashakira ihumure ku Mana, nk’uko Umwami Dawidi yabigenje. Yasenze Yehova agira ati “wumve ijwi ryo kwinginga kwanjye ningutabaza.” Ese Imana yaramushubije? Yego rwose. Yongeyeho ati “yaramfashije none umutima wanjye uranezere-we.”—Zaburi 28:2, 7.

YESU AHUMURIZA ABARIRA BOSE

Imana yahaye Yesu inshingano ikomeye yo guhumuriza abantu. Mu byo yamushinze harimo ‘gupfuka ibikomere by’abafite imitima imenetse,” no “guhumuriza ababoroga bose” (Yesaya 61:1, 2). Nk’uko byari byarahanuwe, Yesu yitaga mu buryo bwihariye ku “bagoka n’abaremerewe.”—Matayo 11:28-30.

Yahumuriye abantu, abagira inama zirangwa n’ubwenge ntawe ahutaza, ndetse rimwe na rimwe, akabakiza indwara. Hari igihe umubembe yabwiye Yesu ati “ubishatse ushobora kunkiza.” Yesu yamugiriye impuhwe, maze aramubwira ati “ndabishaka. Kira” (Mariko 1:40, 41). Nuko ibibembe birakira.





Umwana w’Imana ntakiri ku isi ngo aduhumuriye atyo. icyakora, Yehova “Imana nyir’ihumure ryose,” akomeje kugoboka abantu bose bakeneye ihumure (2 Abakorinto 1:3). Reka turebe ibintu bine Imana ikoresha iduhumuriza.

- **Bibiliya.** “Ibintu byose byanditswe kera byandikiwe kutwigisha, kugira ngo tugire ibyiringiro binyuze mu kwihangana kwacu no ku ihumure rituruka mu Byanditswe.”—Abaroma 15:4.

- **Umwuka wera.** Nyuma gato y’urupfu rwa Yesu, itorero rya gikristo ryose ryinjijye mu bihe by’amahoro. Kubera iki? Ni uko “ryagendaga ritinya Yehova kandi rikagendera mu ihumure ry’umwuka wera” (Ibyakozwe 9:31). Umwuka wera, ari zo mbaraga z’Imana, ufite ubushobozi buhambye. Imana ishobora kuwukoresha igahumuriza umuntu uwo ari we wese, uko ikibazo afite cyaba kiri kose.

- **Isengesho.** Bibiliya igira iti ‘ntihakagire iki-ntu icyo ari cyo cyose kibahangayikisha. Ahubwo mujye mureka ibyo musaba bimenywe n’Imana, kandi amahoro y’Imana asumba cyane ibitekerezo byose, azarinda imitima yanyu n’ubushobozi banyu bwo kwiyumvisha ibintu.’—Abafilipi 4:6, 7.

- **Abakristo bagenzi bacu.** Bashobora kutubera incuti nyakuri mu bihe by’amakuba. Intumwa Pawulo yavuze ko Abakristo bagenzi be ‘bamubereye ubufasha bumukomeza,’ mu bihe by’ubukene no mu mibabaro.’—Abakolosayi 4:11; 1 Abatesalonike 3:7.

Ariko ushobora kumva ko ibyo bidashoboka. Reka dusuzume ingero z’abantu bane twavuze tugitangira, babonye ihumure igihe bari bafite ibibazo bikomeye. Kimwe na bo, ushobora kwibonerako ko Imana isohozza isezerano ryayo rigira riti “nk’uko umuntu akomeza guhumurizwa na nyina, ni ko nanjye nzakomeza kubahumuriza.”—Yesaya 66:13.

Ikitwemeza ko Imana yiteguye kuduhumuriza

- “Kuko wowe [Yehova] ubwawe wamfashije kandi ukampumuriza.”—Zaburi 86:17.
- “Imana yanyu iravuga iti ‘nimuhumurize ubwoko bwanjye, nimubuhumurize.’” —Yesaya 40:1.
- “Yehova aravuga ati ‘nk’uko umuntu akomeza guhumurizwa na nyina, ni ko nanjye nzakomeza kubahumuriza.’” —Yesaya 66:12, 13.
- “Hahirwa abarira, kuko bazahozwa.” —Matayo 5:4.
- “Muyikoreze imihangayiko yanyu yose kuko ibitaho.”—1 Petero 5:7.

IHMURE MU BIHE BY'AKAGA

Abantu bahura n'ibibazo bitandukanye. Nubwo tutari buvuye ibibazo byose biri kuri iyi si, turagaruka ku bibazo by'abantu bane twigeze kuvuga. Zirikana ukuntu bahanganye n'ibibazo bitandukanye cyane, ariko bose bagahumurizwa n'Imana.

MU GIHE UFITE IKIBAZO CY'UBUSHOMERI

Seth* yaravuze ati “jye n'umugore wanjye twasezerewe ku kazi icyarimwe. Twamaze imyaka ibiri dutunzwe n'ibyo bene wacu baduhaga, ubundi tugakora uturaka tworoheje. Ibyo byatumye umugore wanjye Priscilla ahangayika cyane, nanjye nkajya numva nta cyo maze.

Ni iki cyadufashije kwihangana? Priscilla yakomeje kwibuka amagambo ya Yesu ari muri Matayo 6: 34, agira ati “ntimugahangayikishwe n'iby'umunsi w'ejo, kuko umunsi w'ejo uzaba ufite imihangayiko yawo. Buri muni uba ufite ibibi byawo bihagije.” Nanone amasengesho yavugaga abikuye ku mutima yamufashije gukomeza kwihangana. Jye nahumurijwe na Zaburi 55:22. Kimwe n'umwanditsi w'iyo zaburi, nikoreje Yehova umutwaro wanjye, kandi nibonye ko na we yanshyigikiye. Ubu mfite akazi, ariko tubaho mu buzima buciriritse, kuko twiyemeje gukurikiza inama ya Yesu iboneka muri Matayo 6: 20-22. Ikiruta byose, twarushijeho kugirana ubucuti n'Imana kandi natwe turushaho kunga ubumwe.”

Jonathan yaravuze “igihe ibyo twacuruzaga byahombaga, nari mpangayitse nibaza uko jye n'umuryango wanjye tuzabaho.” Imyaka 20 twari tumaze twiyuha akuya, yari ibaye imfabusa bitewe n'ihungabana ry'ubukungu. Jye n'umugore wanjye twatangiyeye kujya dutongana dupfa amafaranga. Nti-twongeye guhaha dukoresheje ikarita ya banki, kuko twumvaga ko nta wari kwemera kuduha ideni.

“Ariko Ijambo ry'Imana n'umwuka wayo byadufashije gufata imyanzuro myiza. Nitoje gukora akazi kose mbonye, kandi twaretse kugura ibintu tudakeneye cyane. Nanone bagenzi bacu b'Abahamya ba

* Muri iyi ngingo amazina amwe n'amwe yarahinduwe.



“Nitoje gukora akazi kose mbonye, kandi twaretse kugura ibintu tudakeneye cyane.”—Jonathan

Yehova baradufashije kandi baraduhumuriza, dore ko twari tubikeneye.”

MU GIHE UWU MWASHAKANYE AGUTAYE

Raquel yaravuze ati “umugabo wanjye amaze kunta, nagize agahinda kavanze n’umujinya. Numvaga mbabaye pe! icyakora nasenze Yehova na we arampumuriza. Uko namusengaga buri muni ni ko yagendaga ampa amahoro. Ni nk’aho yamfutse ibikomere byo ku mutima.

“Nanone Ijambo rye Bibiliya ryamfashije kurwanya uburakari n’inzika. Nazirikanye amagambo y’intumwa Pawulo ari mu Baroma 12:21, agira ati ‘ntimukemere kuneshwa n’ikibi, ahubwo ikibi mukomeze kukinshesha icyiza.’

“Hari incuti yanjye yamfashije kwiyakira maze ubuzima burakomeza. Yanyeretse umurongo wo mu Mubwiriza 3:6, maze ambwira ko hari igihe cyo ‘kwemera ko [ikintu] cyatakaye.’ Nubwo iyo nama yari ikakaye, ni yo nari nkeneye. Ubu sincyibanda ku bibazo mfite, ahubwo ntekereza ku bintu bituma ngira ibyishimo.”

Elizabeth yaravuze ati “iyo ugiranye ibibazo n’uwo mwashakanye, uba ukeneye kwitabwaho.” Nari mfite incuti yamporaga hafi. Twabaga turi kumwe kenshi, tugafatanyaga kurira, akampumuriza, nanjye nkumva nkunzwe kandi nitaweho. Nzi neza ko Yehova yamukoresheje ngo ankize ibikomere nari mfite ku mutima.”

MU GIHE URWAYE CYANGWA UGEZE MU ZA BUKURU

Luis twavuze tugitangira, yari arwaye indwara y’umutima kandi urupfu rwamugeze amajanja incuro ebyiri. Kugira ngo ahumeke yifashisha imashini, kandi ayikoresha amasaha 16 ku muni. Yaravuze ati “nsenga Yehova buri gihe, kandi iyo maze kumusenga ngira imbaraga ziturutse ku mwuka we. Isengesho rituma ngira ubutwari, sincike intege, kuko mba nizeye ko Imana inyitaho.”

Petra uri mu kigero cy’imyaka 80 yaravuze ati “mba nifuza gukora byinshi, ariko nkabura agatege. Iyo mbona ukuntu imbaraga zigenda zinshirana, birambabaza cyane. Ubu nitungiwe n’imiti. Akenshi ntekereza ku byo Yesu yasabye Se, amubwira



“Hari igihe cyo ‘kwemera ko [ikintu] cyatakaye.’ . . . Ubu sincyibanda ku bibazo mfite.”—Raquel



“Iyo maze gusenga Yehova ngira imbaraga ziturutse ku mwuka we.”—Luis

ati ‘Data, niba bishoboka, iki gikombe kindenge.’ icyo gihe Yehova yaramukomeje, kandi nanjye yagiye ankomeza. Isengesho ni wo muti wanjye. Iyo maze kubwira Yehova ibyanjye numva nduhutse.” —Matayo 26:39.

Julian umaze imyaka igera kuri 30 yarahajwe n’indwara ifata imyakura, na we ni uko yumvaga amezze. Yaravuze ati “navuye ku ntebe y’abayobozi, njya kwicara mu igare ry’abamugaye. icyakora mba numva mfite akamaro kuko nkorera abandi. Kwita ku bandi bishobora kugabanya umubabaro, kandi

Yehova akomeza kudufasha nk’uko yabidusezeranyije. Kimwe n’intumwa Pawulo, nshobora kuvuga nti “mu bintu byose, ngira imbaraga binyuze ku umpa imbaraga.”—Abafilipi 4:13.

MU GIHE UPFUSHIJE UWawe

Antonio yaravuze ati “igihe data yapfaga azize impanuka y’imodoka, kubyakira byarananiye. Nta kosa yari yakoze kuko yarimo yigendera n’amaguru. Ariko nyine nta cyo nari kubikoraho. Yamaze iminsi itanu muri koma hanyuma aba arapfuye. Urebye, iyo nabaga ndi kumwe na mama narifataga sindire, ariko iyo nabaga ndi jyenine, naraturikaga nkarira. Nahoraga nibaza nti “kuki ibi bintu byabaye koko?”

“Muri ibyo bihe bikomeye, nakomeje gusaba Yehova ngo amfashe kwihangana no kugira amahoro yo mu mutima. Amaherezo nabigezeho. Nibutse ko Bibiliya ivuga ko “ibihe n’ibigwirira abantu” bishobora kutugeraho twese. Nizera ko nzongera kubona data yazutse, kuko Imana idashobora kubeshya.—Umubwiriza 9:11; Yohana 11:25; Tito 1:2.

Robert twigeze kuvuga, na we ni uko yari ameze. Yaravuze ati “iyi jye n’umugore wanjye Maribel dusenga Yehova, twumva dufite amahoro yo mu mutima avugwa mu Bafilipi 4:6, 7. Ayo mahoro yatumye tubwira abanyamakuru ibijyanye n’ibyiringiro byacu by’umuzuko. Nubwo umuhungu wacu yahitanywe n’impanuka y’indege, turacyibuka ibihe byiza twagiranye, kandi ni byo tugerageza kwibandaho.

“Igihe Abahamya bagenzi bacu batubwiraga ko batubonye kuri televiziyo dusobanura ibijyanye n’ukwizera kwacu dutuje, twababwiraga ko twabifashijwemo n’amasengesho yabo. Tuzi neza ko Yehova yaduhumuriye akoresheje ubutumwa butabarika twohererejwe.”

Nk’uko izo ngero zibigaragaza, Imana ishobora guhumuriza abantu, uko ibibazo bafite byaba biri kose. Ese nawe yagufasha? Ibibazo byose wahura na byo mu buzima, hari uwaguhumuriza muri ibyo bihe bikomeye.* Ujye ubibwira Yehova, we ‘Mana nyir’ihumure ryose.’—2 Abakorinto 1:3. ■

* Niba wifuza kuba incuti y’Imana no kubona ihumure itanga, uzabiganireho n’Abahamya ba Yehova bo mu gace k’iwanyu cyangwa wandikire ibiro by’ishami byabo biri hafi y’iwanyu.



“Nubwo umuhungu wacu yahitanywe n’impanuka y’indege, turacyibuka ibihe byiza twagiranye.”—Robert

‘Intambara ni iya Yehova’



DAWIDI ari kumwe n’abasirikare bahiye ubwoba. Abo basirikare baragenda bihuta, bahunga urugamba. Kuki bagize ubwoba bigeze aho? Dawidi agomba kuba yari yabumvise basubiramamo kenshi izina ry’umuntu, bikamutera umujinya. Uwo muntu wigize igihangange ahagaze hakurya, n’agasuzuguro kenshi. Kandi kuva Dawidi yabaho, ubanza ari bwo yari abonye umuntu ureshya atyo!

Uwo muntu ni Goliyati. Dawidi yahise abona impamvu ba basirikare bari badagazwe! Goliyati uwo yari umugabo w’ibigango kandi muremure cyane. Uretse no kuba yari afite intwaro zikomeye, yarutaga abagabo babiri, na bo b’ibigango. Yari afite intwaro zihambaye, kandi ari umusirikare w’intwari, umenyereye urugamba! Ngaho sa n’umureba akangaranya ingabo z’Abisirayeli n’umwami wabo Sawuli, abatuka maze ijwi rye rikirangira, ari na ko za nyiramubande zungikanya amajwi yazo! Abasabye kwitoranyamo umugabo w’intwari ngo yiharahare, aze bahangane rimwe risa.—1 Samweli 17:4-10.

Baba Abisirayeli, yaba Umwami Sawuli, bose ubwoba bwari bwabatashye. Dawidi yari amaze kumenya ko hari hashize ukwezi kose, ndetse kurenga, ari uko bimeze. Ingabo z’Abafilisitiya n’iz’Abisirayeli zari zikomeje kurebana ay’ingwe, ari na ko Goliyati akomeza gutuka Abisirayeli uko bwije n’uko bukeye. Dawidi na we yari ahangayitse. Byari biteye isoni kubona Umwami wa Isirayeli n’ingabo ze, harimo na bakuru ba Dawidi, bahiye ubwoba. Dawidi yabonaga ko uwo mupagani Goliyati atasuzuguye ingabo za Isirayeli gusa, ahubwo

yanasuzuguye Yehova, Imana ya Isirayeli. Ariko se Dawidi wari ukiri umwana yari kubikoraho iki, kandi se ukwizera kwe kutwigisha iki muri iki gihe? —1 Samweli 17:11-14.

“NI UYU, HAGURUKA UMUSUKEHO AMAVUTA!”

Reka tugaruke ku byabaye mbere yaho. Hari nimugoroba, Dawidi aragiye intama za se mu misozi yo hafi y’i Betelehemu. Yari umuhungu w’uburanga, ugeze mu gihe cy’ubugimbi, kandi uzi ubwenge. Iyo yabaga aruhuka, yacurangaga inanga. Ibyiza nyaburanga Imana yaremye byaramushimishaga, maze agakora mu nganzo. Uko yagendaga amara igihe acuranga, ni ko yagendaga arushaho kugira ubuhanga. Ariko umugoroba umwe se yamutumyeho, amusaba guhita ataha. —1 Samweli 16:12.

Ageze mu rugo, yasanze se Yesayi aganira n’umusaza rukukuri. Uwo musaza yari Samweli umuhanuzi w’indahemuka. Yehova yari yamusabye gusuka amavuta kuri umwe mu bahungu ba Yesayi, ngo azabe umwami wa Isirayeli. Samweli yari yamaze kubona bakuru ba Dawidi bari ndwi, ariko Yehova yamweretse ko nta n’umwe muri bo yatoranyije. Ariko Dawidi ahageze, Yehova yabwiye Samweli ati “ni uyu, haguruka umusukeho amavuta!” Samweli yafashe ihembe ryarimo amavuta yihariye ayasuka Dawidi ku mutwe, ari imbere ya bene se bose. Ubuzima bwa Dawidi bwahise buhinduka kuva icyo gihe. Bibiliya igira iti “kuva uwo munsu umwuka wa Yehova uza kuri Dawidi.”—1 Samweli 16:1, 5-11, 13.

Ese Dawidi yahise ararikira ubwami? Oya. Yategereje ko umwuka wa Yehova umuyobora kugeza igihe yari gutangirira gusohozza iyo nshingano itoroshye. Hagati aho yakomeje kwikorera umurimo woroheje wo kuragira intama za se. Wari umurimo usaba ubwitange n’ubutwari. Imikumbi ya se yari yaratewe incuro ebyiri zose. Ubwa mbere yatewe n’intare, ubwa kabiri iterwa n’idubu. Dawidi yarwanye n’izo nyamaswa z’inkazi, kugira ngo arengere intama za se, kandi zombi yarazishe.—1 Samweli 17:34-36; Yesaya 31:4.

Ayo makuru yari yarageze ku Mwami Sawuli, hanyuma atuma kuri Dawidi. Nubwo Sawuli yari intwari mu ntambara, ntiyari acyemerwa na Yehova bitewe n’uko atumviraga amabwiriza yamuhaga. icyo gihe Yehova yari yaramukuyeho umwuka we, atangira guhangwaho n’imyuka mibi, maze akajya agira umujinya n’urugomo kandi akajya akeka abandira amababa. Iyo imyuka mibi yageraga kuri Sawuli, nta kindi cyamucururutsaga uretse umuziki. Abantu ba Sawuli bari baramenye ko Dawidi yari umucuranzi w’umuhanga kandi ko yari intwari ku rugamba. Ni yo mpamvu Sawuli yatumyeho Dawidi, maze bidatinze, akajya acurangira Sawuli kandi akamutwaza intwari.—1 Samweli 15:26-29; 16: 14-23.

Abakiri bato by’umwihariko bashobora kuvana amasomo ku kwizera kwa Dawidi. Zirikana ko iyo yabaga aruhuka, yakoraga ibintu byari gutuma arushaho kugirana ubucuti na Yehova. Nanone kandi, yakomeje kugira ubuhanga bwari kumufasha gukora akazi ke neza. Igishimishije kuruta byose, ni uko yemeye kuyoborwa n’umwuka wa Yehova. Iryo ni isomo ry’ingenzi twese twagombye kumwigiraho.—Umubwiriza 12:1.

“NTIHAGIRE UMUNTU UKUKA UMUTIMA”

Igihe Dawidi yakoreraga Sawuli, yanyuzagamo agasubira iwabo akaragira intama, ndetse akahamara igihe. Igihe yari iwabo, ni bwo Yesayi yohereje Dawidi kujya kureba bakuru be batatu babaga mu ngabo za Sawuli. Dawidi yumviye se, ajya kureba bakuru be mu kibaya cya Ela, abagemuriye. Ahageze yatangajwe no kubona ingabo zitava mu byimbo nk’uko twabivuze tugitangira. Izo ngabo zari



Dawidi yemeraga yicishije bugufi ko Yehova ari we watumye yica inyamaswa z’inkazi

ziteganye, hagati haciyemo umubande.—1 Samweli 17:1-3, 15-19.

Dawidi yumvaga atabyihanganira. Yaribajije ati “bishoboka bite ko ingabo za Yehova Imana nzima, ziterwa ubwoba n’umuntu nk’uyu w’umupagani?” Dawidi yumvaga uko Goliyati yatukaga Abisirayeli, akumva ari nko gutuka Yehova. Nguko uko yatangiye kuvugana n’abandi basirikare uko babigenza ngo batsinde Goliyati. Bidatinze, Eliyabu yumvise ibyo Dawidi yarimo avuga. Yamucyashyeye abigiranye ubukana, amubwira ko nta kindi cyamuzanye uretse kureba urugamba. Ariko Dawidi yaramushubije ati “hari ikibi nkoze se ko nibarizaga gusa?” Yahise amuva iruhande, asanga abandira bantu ababaza mu ibanga uko yatsinda Goliyati. Amaherezo iyo nkuru yageze ku mwami Sawuli, nuko atuma abantu ngo bamuzanire Dawidi.—1 Samweli 17:23-31.

Dawidi yabwiye umwami amagambo atera akanyabugabo, avuga ko Goliyati atagomba ‘kubakura umutima.’ Kandi koko, Sawuli n’abantu be bari bakutse umutima. Birashoboka ko bakoze ikosa umuntu wese yakora, ryo kwigereranya n’uwo mugabo w’ibigango, bakumva ko batamutsinda, kuko

bamugeraga mu rukenyerero cyangwa mu gituza. Batekereza ko uwo musirikare wari igihanyaswa, yari kubatsinda atiriwe arwana. icyakora Dawidi si uko yabitekerezaga. Nk’uko turi bubibone, we yabibonaga mu buryo butandukanye cyane n’ubwo. Ni yo mpamvu yiyemeje kurwana na Goliyati.—1 Samweli 17:32.

Sawuli yaramubwiye ati “ntiwashobora kurwana n’uriya Mufilisiya. Dore uracyari muto, ariko we yabaye umurwanyi kuva mu busore bwe.” Ese koko Dawidi yari akiri umwana? Oya, ariko yari akiri muto cyane ku buryo atari kujya mu ngabo. Uretse n’ibyo, isura ye yagarazaga ko yari umwana. icyakora Dawidi yari amaze kumenyekana ko ari umuntu uzi kurwana kandi ashobora kuba yari hafi kugira imyaka 20.—1 Samweli 16:18; 17:33.

Dawidi yijeje Sawuli ko azabishobora, amubwira ukuntu yarwanyije intare n’idubu. Ese ubwo ntibyari ukwiyemera? Oya. Dawidi yari azi neza uko yarwanye n’izo nyamaswa. Yaravuze ati “Yehova wankuye mu nzara z’intare n’iz’idubu, ni we uzankiza amaboko y’uriya Mufilisiya.” Sawuli yaje kuva ku izima, maze abwira Dawidi ati “genda, Yehova abane nawe.”—1 Samweli 17:37.

Ese waba wifuza kugira ukwizera nk’ukwa Dawidi? Zirikana ko icyizere Dawidi yari afite, kitari cya kindi kiraza amasinde. Yizeraga Imana kubera ko yari ayizi neza, aherye no ku byamubayeho. Yari azi ko Yehova ari Imana yuje urukundo, yiteguye kumurinda kandi ko asohozza amasezerano. Niba twifuza kugira ukwizera nk’uko, twagombye gukomeza kumenya byinshi ku Mana. Nidukurikiza ibyo twiga, bizatugirira akamaro, kuko tuzagira ukwizera gukomeye nk’ukwa Dawidi.—Abaheburayo 11:1.

“YEHOVA ARAKUNGBIZA”

Sawuli yahaye Dawidi ibyo yari gukenereye ku rugamba, kandi byari bimeze nk’ibya Goliyati. Mu byo yamuhaye harimo intwari zikozwe mu murinzi, ingofero n’ikoti rikozwe mu byuma bigerekereyeho. Dawidi yagerageje gutambuka yambaye ibyo bintu byose biramunanira. Kandi ni mu gihe, kuko atari yarahawe imyitozo ya gisirikare. Tekereza noneho ko yari yambaye ibyo Sawuli yambaraga,

kandi Sawuli yasumbaga abantu bose mu gihugu cya Isirayeli (1 Samweli 9:2)! Yabikuyemo byose maze yambara umwenda we yari amenyereye, afata n’ibikoresho yajyanaga kurinda umukumbi.—1 Samweli 17:38-40.

Dawidi yahise afata inkoni ye, ashyira uruhago rwe ku rutugu hamwe n’umuhumetso. Nubwo umuhumetso usa n’aho usuzuguritse, yari intwari ikomeye. Yari igizwe n’agahago bashyiragaho imigoyi ibiri y’uruhu, iyo ikaba yari intwari ikomeye ku mwungeri. Yashyiraga ibuye mu gahago akarizunguza, maze akarirekurana imbaraga nyinshi ku buryo adahusha, mbese nk’uko barashisha itopito. Nanone uwo muhumetso wari intwari ikomeye kuko abasirikare bajyaga bawifashisha.

Iyo intwari ni yo Dawidi yitwaje aya kurwanya umwanzi. Ntidushobora kwiyumvisha amasengeho Dawidi yasenze, igihe yahagaraga ahantu hanyuraga akagezi maze agatoragura utubuye dutanu. Nyuma yaho yagiye ku rugamba yiruka cyane.

Igihe Goliyati yabonaga uwo bari bagiye guhangana yatekereje iki? Bibiliya igira iti “aramusuzugura kuko yari umusore w’uburanga kandi ugifite itoto mu maso.” Goliyati yaramubwiye ati “ni ko sha, ndi imbwa kugira ngo uze kurwana nanjye witwaje inkoni?” Uko bigaragara yari yabonye inkoni ya Dawidi, ariko ntiyari yabonye umuhumetso. Uwo mufilisiya yamututse mu izina ry’imana ye, maze aramubwira ati “ngwino nkubagire ibisiga byo mu kirere, nkugabize inyamaswa zo mu gasozi.”—1 Samweli 17:41-44.

Ibyo Dawidi yamushubije bigaragaza ko yari afite ukwizera. Ngaho tekereza uwo musore abwira Goliyati ati “unteye witwaje inkota n’icumu n’agacumu, ariko jye nguteye mu izina rya Yehova nyir’ingabo, Imana y’ingabo za Isirayeli wasuzuguye.” Dawidi yari azi ko imbaraga z’uwo muntu n’ubwinshi bw’intwari yari afite nta cyo byari bivuze. Goliyati yasuzuguye Yehova Imana, kandi Yehova na we yagombaga kugira icyo akora. Ni yo mpamvu Dawidi yavuze ati ‘intambara ni iya Yehova.’—1 Samweli 17:45-47.

Dawidi ntiyirengagije ukuntu Goliyati yari munini n’intwari yari afite. Ariko ntiyemeye ko ibyo

bintu bimuca intege. Ntiyigeze akora ikosa nk’iryu Sawuli n’ingabo ze bari bakoze. Dawidi ntiyigeze yigereranya na Goliyati, ahubwo yagereranyije Goliyati na Yehova. Goliyati yari afite uburebure bwa metero 2,9, mbese asumba abandi bantu bose. Ariko se yanganaga iki, umugereranyije n’Umutegetsu w’Ikirenga w’ijuru n’isi? Koko rero, kimwe n’undi muntu wese, Goliyati yari ubusa imbere y’Imana. Yehova yari yiyemeje kurimbura Goliyati.

Dawidi yarirutse agenda asatira umwanzi we, maze akura ibuye mu ruhago. Yarishyize mu muhmetso maze agenda yiruka awuzunguza, uvuza ubuhuha. Goliyati na we yagiye asatira Dawidi, wenda ari inyuma y’uwamutwazaga ingabo. Uburebure bwa Goliyati bwamubereye inzitizi, kuko uwamutwazaga ingabo wari umuntu usanzwe, atashoboraga kumukingira ngo ageze ku mutwe. Nguko uko Dawidi yabyungukiyemo.—1 Samweli 17:41.

Amaherezo Dawidi yarekuye ibuye. Sa n’ureba ukuntu ryagiye rivuza ubuhuha rigahamya intego. Nta gushidikanya ko Yehova yamufashije ku buryo atari kwirirwa yohereza irya kabiri. Iryo buye


ryahamije Goliyati rimwinjira mu gahanga rirakamena, riteberamo. Cya gihangange cyituye hasi kibanje umutwe! Abari bamurinze bahiye ubwoba bakizwa n’amaguru. Dawidi yegereye Goliyati afata inkota Goliyati yari yitwaje, aba ari yo amucisha umutwe.—1 Samweli 17:48-51.

Sawuli n’ingabo ze bongeye kugira akanyabugabo. Bashushubikanyije Abafilisitiya bavuzza induru. Intambara yahise ihindura isura nk’uko Dawidi yari yabibwiye Goliyati ati “Yehova arabahana mu maboko yacu nta kabuza.”—1 Samweli 17:47, 52, 53.

Muri iki gihe, abagaragu b’Imana ntibivanga mu ntambara. icyo gihe cyararangiyeye (Matayo 26:52). icyakora ukwizera kwa Dawidi kutwigisha byinshi. Kimwe na Dawidi, twagombye kubona ko Yehova ariho, ko ari we wenyine twagombye gukorera kandi tukamwubaha. Hari igihe dushobora gutekereza ko ibibazo dufite biturenze, ariko burya ibyo bibazo nta cyo bivuze ubigereranyije n’imbaraga za Yehova. Nitwemera ko Yehova atubera Imana kandi tukamwizera, kimwe na Dawidi, nta ngorane cyangwa ikibazo kizadutera ubwoba. Mu by’ukuri, nta kintu na kimwe cyananira Yehova. ■

Dawidi yabonaga ko umuntu wese, nubwo yaba ari igihangange, ari ubusa imbere ya Yehova Imana





ESE IBIVUGWA KURI DAWIDI NA GOLİYATI byabayeho koko?

Hari abantu bibaza niba ibivugwa mu nkuru ya Dawidi na Goliyati byarabayeho cyangwa niba ari umugani. Ese na we ni uko byakugendekye igihe wasomaga iyo nkuru mu ngingo yabanjirije iyi? Niba ari uko byagenze, suzuma ibibazo bitatu bikurikira.

1 | Ese umuntu yagira uburebure bwa metero 2,9?

Bibiliya ivuga ko Goliyati “yari afite uburebure bw’imikono itandatu n’intambwe y’ikiganza” (1 Samweli 17:4). Umukono uvugwa muri uyu murongo wareshyaga na santimetero 44,5 naho intambwe y’ikiganza ikashyaga na santimetero 22,2. Byose hamwe bingana na metero 2 na santimetero 90. Hari abavugaga ko Goliyati atashyaga atyo. Ariko zirikana ko no muri iki gihe, umuntu muremure usumba abandi wabayeho yari afite metero 2,7. Ese Goliyati ntiyari kumurusha santimetero 15 cyangwa zirenga? Goliyati yakomokaga mu muryango w’Abarefayimu kandi abantu bo muri uwo muryango bari bazwiho kuba barebare bidasanzwe. Hari inyandiko zo muri Egiputa zo mu mwaka wa 13 Mbere ya Yesu, zagaragaje ko zimwe mu ngabo z’intwari z’Abanyakanani zari zifite metero zirenga 2,4 z’uburebure. Ubwo rero, nabwo Goliyati yari muremure bidasanzwe, ntibisobanura ko bitabayeho.

2 | Ese Dawidi yabayeho koko?

Hari intiti zagerageje kwerekana ko inkuru ivuga iby’Umwami Dawi-

di ari umugani, ariko ntibazikundiyeye. Abashakashatsi mu byataburawe mu matongo babonye inyandiko ya kera yanditseho ngo “inzu ya Dawidi.” Nanone, Yesu Kristo yavuze ko Dawidi yabayeho (Matayo 12:3; 22:43-45). Ibisekuru bibiri bya Yesu ari we Mesiya, bigaragaza ko yakomotse ku Mwami Dawidi (Matayo 1:6-16; Luka 3:23-31). Ibyo rero bigaragaza ko Dawidi yabayeho.

3 | Ese ahantu havugwa muri iyo nkuru habayeho?

Bibiliya ivuga ko Dawidi na Goliyati basakiraniye mu kibaya cya Ela, ikagera n’aho ivuga ko Abafilisiya bari bakambitse mu ibanga ry’umusozo wari hagati y’imigi ibiri, ari yo Soko na Azeka. Abisirayeli bo bari bakambitse mu ibanga ry’umusozo wo hakurya y’icyo kibaya. Ese aho hantu habayeho?

Zirikana icyo umuntu uherutse kuhasura yavuze. Yagize ati “uwadutembereje mu kibaya cya Ela, ntiyari umunyedini. Twarazamutse maze twagera mu mpinga y’umusozo. Mu gihe twarimo tureba mu kibaya, yadusomeye muri 1 Samweli 17:1-3. Hanuma yadutungiyeye agatoki hakurya

y’icyo kibaya, aratubwira ati ‘hariya ibumoso ni mu matongo ya Soko.’ Yarahindukiye arongerera aravugaga ati ‘hariya iburyo ho hari amatongo ya Azeka. Abafilisiya bari bakambitse hagati y’iyo migi yombi, mu ibanga ry’uriya musozo mureba. Birashoboka ko aha duhagaze, ari ho Abisirayeli bari bakambitse.’ Nahise ntekereza ko Sawuli na Dawidi bari aho nari mpagaze. Nyuma yaho twamanutse tugana muri icyo kibaya twambuka akageze kasaga n’akakamyeye, kari ku zuye amabuye. Nabaye nk’uwitegereza Dawidi aza aho ngaho, agatora amabuye atanu, rimwe akaryicisha Goliyati.” Uwo mukerarugendo kimwe n’abandi, yashimishijwe cyane n’ibimenyetso byemeza ko ibivugwa muri Bibiliya ari ukuri.

Nta mpamvu n’imwe yagombye gutuma dushidikanya ko iyo nkuru ari ukuri. Abantu bavugwamo babayeho kandi n’ahantu havugwamo habayeho. icy’ingenzi kurushaho, ni uko ari imwe mu nkuru zigize Ijambo ry’Imana ryahumetswe, ikaba ituruka ku Mana ivugisha ukuri, “idashobora kubeshya.”—Tito 1:2; 2 Timoteyo 3:16. ■



BYAVUZWE NA
ADRIÁN DE LA FUENTE

IGIHE YAVUKIYE:

1974

IGIHUGU:

MEGIZIKE

KERA:

NARI UMUNYARUGOMO



Nari umurakare kandi ngira urugomo

IBYAMBAYEHO: Navukiye mu karere keza ka Ciudad Mante, muri leta ya Tamaulipas, muri Megizike. Muri rusange abaturage bo muri uwo mugi bagira ubuntu kandi bakagwa neza. Iki babaje ni uko harangwaga urugomo, bigatuma hahora umutekano muke.

Twavutse turi abahungu bane, nkaba ndi ubuheta. Ababyeyi banjye bambatirishije muri Kiliziya Gatolika, ntangira kujya ndirimba muri korali ya paruwasi. Nifuzaga gushimisha Imana, kuko natinyaga cyane umuriro w'iteka.

Ngize imyaka itanu data yaradutaye. Ibyo byarambajye cyane, ku buryo numvaga meze nk'igishushungwe. Siniyuvishaga impamvu adutaye kandi twaramukundaga cyane. Kugira ngo mama abone ibitunga abana bane, byamusabaga gukora atikoresheje.

Natangiyeye kujya nsiba ishuri, kugira ngo mbone uko nsanga abandi bana bandutaga. Banyigishije imvugo itameshe, kunywa itabi, kwiba n'iteramakofe. Kubera ko nakundaga gukandamiza abandi, nize iteramakofe, gukirana, kurwana ntakoresheje intwari no kurwanisha intwari. Nguko uko nabaye umunyarugomo ruharwa nkiri muto. Nagiye ndwana kenshi nkoresha imbunda, bikarangira mvirirana maze ngasigara ndambaraye mu muhanda, nabaye intere. Iyo mama yankubitaga amaso yicwaga n'agahinda nuko agahita anjyana kwa muganga.

Igihe nari mfite imyaka 16, umwana wahoze ari incuti yanjye witwaga Jorge yaradusuye. Yatubwiye ko ari Umuhanyika wa Yehova kandi ko yifuzaga kutugezaho ubutumwa bw'ingenzi. Yadusobanuriye ibyo yizera akoresheje Bibiliya. Sinari narigeze nyisoma kandi nashimishijwe cyane no kumenya izina ry'Imana n'imigambi yayo. Jorge yadusabye kutwigisha Bibiliya, turabyemera.

UKO BIBILIYA YAHINDUYE IMIBEREHO YANJYE: Kumenya ukuri ku birebana n'umuriro w'iteka byarampumuriye cyane. Nasobanukiye ko iyo nyigisho idashingiye kuri Bibiliya (Zaburi 146:4; Umubwiriza 9:5). Singitinyaga Imana bitewe no gutinyaga

umuriro w’iteka, ahubwo mbona ko ari Data udukunda, utwifuriza ibyiza gusa.

Uko nagendaga menya byinshi kuri Bibiliya, ni na ko nagendaga mbona ko nagombaga kwitoza indi mico. Urugero, nagombaga kwitoza umuco wo kwicisha bugufi kandi nkareka urugomo. Inama iboneka mu 1 Abakorinto 15:33 yabimfashijemo cyane. Aho havuga ko kwifatanya n’incuti mbi “byonona imyifatire myiza.” Nabonye ko niba nifuzaga kugira imico myiza, ngomba gucika ku ncuti mbi. Naretse incuti zanjye za kera, nzisimbuzaga incuti z’Abakristo bo mu itorerero, kuko bo bakemura amakimbirane badakoresheje intwari cyangwa urugomo, ahubwo bakurikiza amahame ya Bibiliya.

Ahandi hamfashije ni mu Baroma 12:17-19. Hagira hati “ntimukiture umuntu wese inabi yabagiriye. . . . Niba bishoboka ku rwanyu ruhanda, mubane amahoro n’abantu bose. Ntimukihorere, . . . kuko handitswe ngo ‘guhora ni ukwanjye, ni jye uzitura, ni ko Yehova avuga.’” Naje kubona ko Yehova ari we uzavanaho akarengane mu gihe yagennye. Buhoro buhoro naje kureka urugomo.

Sinzibagirwa igihe hari nimugoroba ntashye. Nahuye n’abasore bo mu gatsiko k’abanyarugomo twahoze duhanganye maze baranyendera. Uwari ubayoboye yankubise mu mugongo maze arambwira ati “ngaho se irwanaho.” Nahise mvuga isengesho rigufi, nsaba Yehova kumpa imbaraga zo kubyihanganira. Nubwo numvaga nakwirwanaho, narifashe maze ndigendera. Bukeye bwaho nihuriye na wa muyobozi. Umujinya warazamutse, ariko nongera gusaba Yehova ngo amfashe sinihorere. Natangajwe no kubona uwo musore aza ansanga, maze akambwira ati “mbabarira kubera ibyo nagukoreye nimugoroba, nkubwije ukuri ndifuzaga kumera nkawe; ndashakaga kwiga Bibiliya.” Nashimishijwe cyane no kuba narifashe sinsuke uburakari, kuko byatumye ntangira kumwigisha Bibiliya.

Ikibabaje ni uko abagize umuryango wanjye batakomeje kwiga Bibiliya. icyakora niyemeje gukomeza kwiga Bibiliya kandi sinemera ko hagira ikintu cyangwa umuntu uwo ari we wese ubimbuzaga. Namenye ko kwifatanya buri gihe n’abagize ubwoko bw’Imana, ari byo bimpumuriza kandi nabonye umuryango nari nkeneye. Nakomeje kujya mbere, maze mbatizwa mu wa 1991, mba Umuhamba wa Yehova.

UKO BYANGIRIYE AKAMARO: Nari umurakare, ngakandamiza abandi ndi n’umunyarugomo. Ariko Ijambo ry’Imana ryarampinduye rwose! Ubu ngeza ku bantu bose babishakaga ubutumwa bw’amahoro bwo muri Bibiliya. Maze imyaka 23 mara ari gihe kirekire mu murimo wo kubwiriza.

Nigeze kuba umuvolonteri ku biro by’ishami by’Abahamya ba Yehova muri Megizike. Aho ni ho namenyanije n’umukobwa w’umunyamwete witwaga Claudia, dushyingiranwaga mu mwaka wa 1999. Nshimira Yehova kuba yarampaye umufasha w’indahemuka.

Igihe twari mu itorerero rikoreshe ururimi rw’amarenga rwo muri Megizike, twafashije abafite ubumuga bwo kutumva kumenya Yehova. Nyuma yaho, twasabwaga kwimukira muri Belize kugira ngo twigishe Bibiliya abantu bo muri icyo gihugu. Nubwo tubaho mu buzima buciriritse, dufite ibikenewe byose kugira ngo tugire ibyishimo. Nta cyo twabigurana.

Hagati aho mama yongeye kwiga Bibiliya maze arabatizwa. Nanone mukuru wanjye, umugore we n’abana babo ubu ni Abahamya ba Yehova. Bamwe muri za ncuti zanjye za kera nabwirije ubutumwa bw’Ubwami, ubu na bo bakorera Yehova.

Ikibabaje ni uko bamwe mu bari bagize umuryango wanjye bapfuye kubera ko banze kureka urugomo. Iyo nkomeza kuba umunyarugomo, ubu nanjye mba narapfuye. Nshimira Yehova kuba yaranyireherejeho kandi agatuma menyanira n’abagaragu be. Banyigishije gukurikiza amahame ya Bibiliya, mu bugwaneza kandi bihanganye. ■

Ubwami bw’Imana ni iki?

UKO BAMWE BABIBONA. Hari abavuga ko Ubwami bw’Imana buba mu mutima, abandi bakavuga ko buzabaho igihe abantu bazaba bafite amahoro n’ubutabera. Wowe se ubibona ute?

ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO

Bibiliya igira iti “Imana yo mu ijuru izimika ubwami butazigera burimburwa. . . . Buzame-nagura ubwo bwami bwose [bw’abantu] bubu-mareho (Daniyeli 2:44). Ubwami bw’Imana ni ubutegetsu nyabutegetsu.

IBINDI BIBILIYA YIGISHA

- Ubwami bw’Imana bufite icyicaro mu ijuru. —Matayo 10:7; Luka 10:9.
- Imana ikoresha ubwami bwayo kugira ngo ibyo ishaka bikorwe mu ijuru no ku isi. —Matayo 6:10.

Ubwami bw’Imana buzaza ryari?

ESE WASUBIZA NGO IKI?

- Nta muntu ubizi
- Vuba aha
- Ntibuzaza

ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO

“Ubu butumwa bwiza bw’ubwami buzabwirizwa mu isi yose ituwe, kugira ngo bubere amahanga yose ubuhamya; hanyuma impe-ruka ibone kuza” (Matayo 24:14). Ubutumwa bwiza nibumara kubwirizwa mu buryo bwuzuye, ubwo Bwami buzaza burimbure ababi.

IBINDI BIBILIYA YIGISHA

- Nta muntu n’umwe wo ku isi uzi igihe Ubwami bw’Imana buzazira.—Matayo 24:36.
- Ubuhanuzi bwo muri Bibiliya bugaragaza ko ubwo Bwami buri hafi kuza. —Matayo 24:3, 7, 12.



Munyohereze igitabo
Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?

Niba wifuza ibindi bisobanuro,
reba igice cya 8 cy'iki gitabo,
cyanditswe n'Abahamya ba Yehova

Nanone kiboneka ku rubuga
rwa www.jw.org/rw

URURIMI _____

AMAZINA _____

ADERESI _____

Reba aderesi ku ipaji ya 2



Vana iyi gazeti
kuri interineti ku
buntu, uvaneho
n'andi yasohotse
mu gihe cyashize



Ubu Bibiliya
iboneka ku
rubuga rwacu
mu ndimi
zirenga 130

Jya kuri
www.jw.org/rw
cyangwa utunge
kamera ya telefoni
yabigenewe kuri
iyi kode



wp.16.5-YW
160602